# IBARUWA Y'ABASHUMBA

Imigisha ndetse n'intashyo kuba arekepisikopi, abepisikopi, abapadiri, abadiyakoni, abavugabutumwa n'ababikira namwe abizera bo muri Believers Eastern church ku isi hose mu izina ry'Imana Data na mwana na Roho mutagatifu. Amen! +

Shuti bakundwa muri kristo

Mu gihe twizihiza ihindurwa rya Yesu, twibukijwe intego y'ubuzima bwa bakristo ba orotodogisi ko ari uguhinduka birushijeho tugira kamere y'ubumana (2 abakorinto 3:18), kugirango bibeho rero, kwihana n'ingirakamaro. Muri uku kwezi, turareba twitonze ku ngingo kwihana.

1. **Kwihana nu guhozaho**

Hari umutagatifu uzwi cyane muri kiliziya yaravuze ngo hari uburyo bubiri bwo kubaho tugomba kubaho tudacumura cyangwa twihana. Iyi niyo nzira yonyine ituganisha ku gakiza.

Rero kubera ko tudashobora kubaho tudacumura, umuntu wese agomba guhora yihana. Kwihana bisaba ubushake bwo kureka inzira zacu za kera tukagira inzira za kristo, kandi mwuka wera atwereka aho dukeneye guhindura. Niyompamvu abakuru ba kiliziya basubiramo isengesho rya Yesu "Mwami Yesu kristo, mwana w'Imana, ngirimpuhwe jye munyabyaha" iyo dukoze ibyo Imana ihita ibiduhanuguraho Yohani adusobanurira uko bikora ngo "nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose"( 1 Yohani 1:9).

2. **Hagarika kwihana bitakuvuye ku mutima**

Mu gihe cya Yohani mubatiza itorero ry'abayahudi bashingiraga ko ari urubyaro rwa Aburahamu bafite agakiza kabo ndetse n'umutekano w'ijuru. Urumva ko kwihana kwabo ntikwabaga kuvuye ku mutima rero nta mpinduka zabaga mu buzima bwabo. Yohani mubatiza yari afitiye ubutumwa abasirayeli" ngaho nimwere imbuto zikwiriye abihannye, kandi ntimutangire kwibwira muti ko dufite Aburahamu akaba ari we sogokuruza! Ndababwira yuko ndetse Imana ibasha guhindurira Abarahamu abana muri aya mabuye" (Luka 3:8). Rimwe na rimwe dukoresha inzitwazo zacu zibyo twaciyemo ahashize, tukibagirwa agaciro ko kwihana duhozaho ndetse no kuba impumyi ku migenzereze itari iya Kristo muri twebwe.

Ikivamo muri byo nu kudindira mu gukura mubyu mwuka no bice bitandukanye byu buzima, Umugambi w'imana ntusohoze mu buzima bwacu. Tubura ingororano nyinshi Imana yashakaga kuduha. Tukananirwa kwereka kristu muri yi isi nkuko byakagombye.

3. **Kwihana nyakuri " inzira za kera zisimburwa nubuzima bwa kristo"**

Ese amazimwe,ishyari, kwitotomba, kuvuga abandi,kutaba umunyakuri, kutumvira, imico mibi, kutababarira, kwikunda, kutaganduka,kwigomeka, ubusambo, kuvuga abadahari cyangwa kwiyoberanya bishoboke ko ibyo wakoraga bitari kuru rutonde ariko wowe urabizi ibyo wakoraga.

Fata icyemezo wihane byukuri uve mu migenzereze itari iya gikiristo ubeho ubuzima bw'ubuzima bwa nyagasani yezu kristo nkuko intumwa Pawulo yanditse ngo ijoro rirakuze burenda gucya.

Nuko twiyambure imirimo y'umwijima, twambare intwaro z'umucyo. Ahubwo mwambare umwami Yesu kristo kandi ntimuhe urwaho imibiri yanyu ngo ibone uko ikora ibyo yifuza(Abaroma 13: 12,14 Abefeso 4:22,24).

Nshuti bana bajye muri kristo, ntitukibagirwe agakiza mu nzira za burimunsi reka dushyiremo imbaraga mugakiza kacu dutinya duhinda umushyitsi( abafilipi 2:12).

Dukomeze gusengera benedata bari Munipar mu buhinde barindwe kandi bazagaruke amahoro.

Ubuntu na mahoro y'Imana bibane namwe iteka ryose.

Mu iteraniro rya kiliziya year,

Umubyeyi w'umwuka,

**Athanasius Yohan I Metropolitan**